ABAGERA KURI 453 BAHAWE ISAKARAMENTU RY'UGUKOMEZWA MURI PARUWASI YA GISENYI (Padiri Emmanuel BAMPORINEZA)

Kuri iki cyumweru, tariki 15/11/2015, Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo yatanze Isakaramentu ry'Ugukomezwa muri Paruwasi Stella Maris ya Gisenyi. Abahawe iryo Sakaramentu bagera kuri 453.

Mu nyigisho ye, Umwepiskopi yasabye abakomejwe kuba abahamya ba Kristu aho bari hose no mu buzima bwabo bwa buri munsi, bagomba kandi gushira ubwoba bakavuga bashize amanga

nk'uko Petero yabigenje ku munsi wa Pentekosti ubwo abig ishwa ba Yezu bari bikingiranye kubera gutinya abayahudi, nyamara bamaze kuzura Roho Mutagatifu, batangira kuvuga mu ndimi, nibwo Petero abwiye imbaga yari ikoraniye aho ko Yezu Kristu babambye, Imana yamuzuye mu bapfuye.

Yagaragaje ko ababyeyi bagomba gufata iya mbere, bakabera abana urugero kuko ari bo bakateshiste ba mbere, abandi bakateshiste basanzwe bakabona gukurikiraho. Yasabye ababyeyi gukunda abana babo kandi bakabibagaragariza, yababwiye ko ibyo babakorera byose ariko bataberetse urukundo ntacyo bivuze.

Mu ijambo rye, uhagarariye abaKristu ba Paruwasi ya Gisenyi yashimiye Umwepiskopi, wiyiziye ubwe gutanga iri Sakaramentu.

Arashimira kandi inyigisho zitangwa n’abayobozi ba Kiliziya Gatolika kuko zigera ku mutima w’abakristu zikinjira mu mibereho no mu buzima bwabo.

Mu mpanuro yatanze, Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo, yasabye abayobozi b’amashuri n’abarezi guhagurukira ireme ry’uburezi.

Yagaragaje ko igice kinini cy'abanyarwanda kigizwe n'abakiri bato nk'uko byagaragajwe n'ibarura rusange ryabaye mu mwaka wa 2012, bityo bikaba bidusaba kuba hafi abana n'urubyiruko, tubaha uburere bukwiye. Yasoje ashimira abakristu ba Paruwasi ya Gisenyi uko biteguye uyu munsi mukuru kandi anabashimira uko amatsinda y'abana ahagaze muri iki gihe, uko akora ingendo ntagatifu kandi akanitabira n'izindi gahunda z'amatsinda y'abana.

Padiri Emmanuel ***BAMPORINEZA***